



Gicurasi Mai

Ikinyarwanda

Ukwe wemeye abe ari ko ugirirwa!

(Mt 8,13)

Kontakt: Meinolf Wacker
Kirchplatz 7
59174 Kamen

Mobil.: +49-172-5638432
Mail: meinolf.wacker@go4peace.eu
Homepage www.go4peace.eu

**Izere Yezu!
Trust Jesus!**

Nshuti bakunzi ba go4peace,

Umwuga yakoraga watumye ava kure cyane, aho akomoka, aza hafi y'inyanja y'i Nazareti. Yari umutegeka w'abasirikare mu butegetsi bw'abanyaroma. Mu bandi basirikare bato, yari yari yarashoboye kwigeza ku mwanya w'icyubahiro kubera ibikorwa bye. Yitaga ku buryo bw'intangarugero ku bo yari atunze bose mu rugo iwe. Abaturage ba gakondo aho ngaho, bari abayahudi. Kuri bo yari umunyamahanga n'umupagani. Yari yarasobanukiwe ariko ko umuyahudi ukomeye ku idini, adashobora kwinjira mu nzu ye. Amategeko yabo yarabibabuzaga.

Nk'umukuru w'abasirikare yamenyaga amakuru menshi. Ndetse yari yaramenye ko hari umusore w'umwigisha wemerwaga na benshi. Amagambo y'uyu mwigisha ntabwo yari impfubusa. Ahubwo ijamba rye ryabaga ryuzuye ububasha bwakizaga benshi bari bafite uburwayi. Ibi ni byo byateye umukuru w'abasirikare akanyabugabo ko gusanga Yezu. Ni uko aramubwira ati: „Nyagasani, umugaragu wanjye aryanye mu nzu iwanjye kandi arababaye cyane!“ Ku bw'ibyo Yezu yashakaga guhita ajye iwe ngo amukize. Ibi bivuze ko yari yiteguye kwirengagiza ibyo itegeko rivuga. Ariko umutegeka w'abasirikari ntiyashakaga ko bigenda gutyo, ni ko kumubwira ati: „Sinkwiye ko winjira mu nzu yanjye ariko uvuge ijamba rimwe gusa maze umugaragu wanjye akire. N'ubwo nanjye ndi umuntu utegekwa, mfite abasirikare nabwira nti genda akagenda; unti nti gwino, akaza; n'umugaragu wanjye nti kora iki akagikora.“ Uku kwemera kwe kwakoze Yezu ku mutima. Ni ko kumubwira ati: „Genda ukwe wemeye abe ari ko ukorerwa.“ Ni uko wa mugaragu akira ako kanya.

Umunsi umwe umukecuru yampamagaye kuri telefoni ni uko arambwira ati. „Wari uzi n'ikindi, muri Paruwasi yacu hagiye kuza umupadiri uturuka muri Afurika, uzahamara umwaka wose. Ubu hakenewe aho azatura. Ako kanya agatima kahise gatera ku ntego y'umunsi nari mfite igira iti: „isohokemo usange abandi ureke kuba „njyewe“ ahubwo wubake „twebwe“. Numvise ari njye wabwirwaga. Nabajije umuntu twari tuziranye ambwira ko mu gace k'iwabo bishoboka ko haboneka icumbi, gusa ngo umuntu yagombaga kwiyandika ku rutonde rw'abategereje, igisubizo kikaba cyaboneka nibura nyuma itanu yose. Ibyo byari ibidashoboka! icyo gihe narasenze, niyambaza umupadiri witabye Imana ndamubwira nti: Nkeneye ubufasha bwawe nonaha ubu! – Ni uko mfata Telefoni ntangira guhamagara. Ngihamagara nabwiwe ko hafi ya Kiliziya hari icumbi ndetse rifite byose nkenerwa mu nzu. Nahamagaye nyiricumbi, anyakirira neza. Nyuma y'ikiganiro twagiranye twahise twumvikana ko aza guha uwo mupadiri uturuka muri Afurika iryo cumbi. Nyuma y'aho twaje guhurira muri iryo iryo cumbi. Byambereye nk'igitangaza: Ibikoresho byose byari bikenewe mu nzu, byari biteguye. Ubwo nasubiraga imuhira, mu mutima nizeraga ntashidikanya ko byose byabaye ku bw'ubufasha bw'ijuru.“ – **Izere Yezu! Trust Jesus!**

Ku bw'itsinda go4peace

Meinolf Wacker